

ITEKA RYA PEREZIDA N°25/01 RYO
KUWA 09/07/2012 RISHYIRAHU
URUTONDE KANDI RIGENA IBIPIMO
NTARENGWA BY'AMAHORO N'ANDI
MAFARANGA YAKIRWA N'INZEGO
Z'IBANZE

PRESIDENTIAL ORDER N°25/01 OF
09/07/2012 ESTABLISHING THE LIST
OF FEES AND OTHER CHARGES
LEVIED BY DECENTRALIZED
ENTITIES AND DETERMINING THEIR
THRESHOLDS

ARRETE PRESIDENTIEL N°25/01 DU
09/07/2012 Etablissant la liste
des taxes parafiscales et
autres redevances perçues par
les entités décentralisées et
déterminant leurs seuils

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

UMUTWE WA II: AMAHORO N'ANDI
MAFARANGA YAKIRWA N'URWEGO
RW'IBANZE

CHAPTER II: FEES AND OTHER
CHARGES LEVIED BY A
DECENTRALIZED ENTITY

CHAPITRE II: TAXES PARAFISCALES
ET AUTRES REDEVANCES PERCUES
PAR UNE ENTITE DECENTRALIZE

Ingingo ya 3: Urutonde rw'amahoro n'andi
mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze

Article 3: List of fees and other charges
levied by a decentralized entity

Article 3: Liste des taxes et autres
redevances perçues par une entité
décentralisée

UMUTWE WA III: IBIPIMO
NTARENGWA BY'AMAHORO N'ANDI
MAFARANGA YAKIRWA

CHAPTER III: TRESHOLD OF FEES
AND OTHER CHARGES LEVIED

CHAPITRE III: SEUILS DES TAXES
PARAFISCALES ET AUTRES
REDEVANCES PERCUES

Icyiciro cya mbere: Igipimo cy'amahoro

Section One: Fees threshold for occupation

Section première: Seuils des taxes sur

ku bantú bakoresha umutungo bwite wa Leta	of public domain	l'occupation du domaine public
<u>Ingingo ya 4:</u> Amahoro yo mu isoko	<u>Article 4:</u> Market fees	<u>Article 4:</u> Taxes du marché
<u>Ingingo 5:</u> Amahoro y'irimbi rusange	<u>Article 5:</u> Fees on public cemetery	<u>Article 5:</u> Taxes sur les cimetières publics
<u>Ingingo ya 6:</u> Amahoro kuri parikingi	<u>Article 6:</u> Fees on parking	<u>Article 6:</u> Taxes de Parking
<u>Ingingo ya 7:</u> Amahoro kuri parikingi rusange	<u>Article 7:</u> Fees on public parkings	<u>Article 7:</u> Taxes sur les parkings publics
<u>Ingingo ya 8:</u> Amahoro kuri parikingi z'ubwato	<u>Article 8:</u> Parking fees on boats	<u>Article 8:</u> Taxes de parking pour les bateaux
<u>Ingingo ya 9:</u> Amahoro ku bukode bw'ubutaka	<u>Article 9:</u> Fees on land lease	<u>Article 9:</u> Taxes sur la location de terrain
<u>Ingingo ya 10:</u> Amahoro ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi	<u>Article 10:</u> Land lease fees to be collected on land used for agriculture and livestock activities	<u>Article 10:</u> Taxes de location perçues sur les terrains utilisés pour les activités agricoles et d'élevage
<u>Ingingo ya 11:</u> Amahoro ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri	<u>Article 11:</u> Fees charged annually on land reserved for quarries exploitation	<u>Article 11:</u> Taxes perçues sur la location des terrains réservés pour l'exploitation des carrières
<u>Ingingo ya 12:</u> Igishingirwaho mu kugena amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka	<u>Article 12:</u> Basis for fee on land lease setting	<u>Article 12:</u> Base d'établissement de la taxe sur la location de terrain
<u>Ingingo 13:</u> Guhindurirwa icyiciro	<u>Article 13:</u> Changing of category	<u>Article 13:</u> Modification de catégorie
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibipimo by'amahoro	<u>Section 2:</u> Threshold of fees based on	<u>Section 2:</u> Seuils des taxes sur les services

ntarengwa ashingiye kuri serivisi zikorera abaturage	services provided to the citizens	fournis aux citoyens
<u>Ingingo ya 14:</u> Amahoro y' isuku rusange	<u>Article 14:</u> Public cleaning service fees	<u>Article 14:</u> Taxes pour le service de nettoyage public
<u>Ingingo ya 15:</u> Amahoro yo gushyingirwa ku muni utandukanye n'uwagenwe n'Inama Njyanama.	<u>Article 15:</u> Fee on civil marriage done on the days other than those officially fixed by the Council	<u>Article 15:</u> Taxe sur le mariage civil célébré à des jours autres que ceux officiellement fixés par le Conseil
<u>Ingingo ya 16:</u> Amahoro yakwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'umutungo utimukanwa	<u>Article 16:</u> Fees charged for services related to the documents of immovable property	<u>Article 16:</u> Taxes sur les services liés aux documents de biens immobiliers
<u>Ingingo ya 17:</u> Amahoro yakwa ku byemezo bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri	<u>Article 17:</u> Fees charged on official certificates and documents to be notified by public Notary	<u>Article 17:</u> Taxes sur les certificats officiels et les documents à notifier par le notaire
<u>Ingingo ya 18:</u> Amahoro yishyurwa ku ruhushya rwo kubumba no gutwika amakara, amatafari n'amategura	<u>Article 18:</u> Fees charged for authorization to make and burn clay bricks, bricks and roof tiles	<u>Article 18:</u> Taxes pour l'autorisation de produire et cuire le charbon de bois, les briques et les tuiles
<u>Icyiciro cya 3:</u> Ibipimo ntarengwa by'andi mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze	<u>Section 3:</u> Thresholds of other charges levied by decentralized entity	<u>Section 3:</u> Seuils des autres redevances perçues par l'entité décentralisée
<u>Ingingo ya 19:</u> Icyapa cyamamaza na banderole byishyurirwa amahoro	<u>Article 19:</u> Fees on advertising billboard and banners	<u>Article 19:</u> Taxes sur les panneaux publicitaires et banderoles
<u>Ingingo ya 20:</u> Amahoro ku cyapa kiranga ubwato	<u>Article 20:</u> Fees for boat number plate	<u>Article 20:</u> Taxes sur les plaques d'immatriculation des bateaux
<u>Ingingo ya 21:</u> Amahoro ku byapa by'amagare	<u>Article 21:</u> Fees on bicycle number plates	<u>Article 21:</u> Taxes sur les plaques d'immatriculation des vélos

<u>Ingingo ya 22:</u> Amahoro ku minara y'itumanaho n'isakazamajwi	<u>Article 22:</u> Fees on communication towers	<u>Article 22:</u> Taxes sur les antennes de communication
<u>Ingingo ya 23:</u> Amahoro ku bwikorezi bw'ibikomoka kuri kariyeri, ku mashyamba	<u>Article 23:</u> Fees charged on transport of materials from quarries and forests	<u>Article 23:</u> Taxe sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts
<u>Ingingo ya 24:</u> Kwemeza ibipimo by'amahoro	<u>Article 24:</u> Approval of fees thresholds	<u>Article 24:</u> Approbation des seuils des taxes
<u>UMUTWE WA IV:</u> KWISHYURA NO GUKURIKIRANA	<u>CHAPTER IV:</u> PAYMENT AND ENFORCEMENT	<u>CHAPITRE IV:</u> PAIEMENT ET PROCEDURES DE MISE EN APPLICATION
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Kwishyura	<u>Section One:</u> Payment	<u>Section première :</u> Paiement
<u>Ingingo ya 25:</u> Kwishyura amahoro	<u>Article 25:</u> Fees and other charges payment	<u>Article 25:</u> Paiement des taxes et autres charges
<u>Ingingo ya 26:</u> Igihe amahoro n'andi mafaranga byishyurirwa	<u>Article 26:</u> Periods for payment of fees and other charges	<u>Article 26:</u> Périodes pour le paiement des taxes et autres frais
<u>Ingingo ya 27:</u> Kwishyura amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka mu byiciro	<u>Article 27:</u> Land lease fee payment in instalments	<u>Article 27:</u> Paiement par tranche de la taxe de location de terrain
<u>Ingingo ya 28:</u> Inyungu z'ubukererwe	<u>Article 28:</u> Interests on late	<u>Article 28:</u> Intérêts de retard
<u>Ingingo ya 29:</u> Ihazabu icibwa utishyuye cyangwa uwishyuye igihe cyararenze	<u>Article 29:</u> Penalties to be charged on any person who failed to pay or paid after due date	<u>Article 29:</u> Pénalités à payer par toute personne qui a failli de payer ou qui a payé après la date d'échéance
<u>Icyiciro cya 3:</u> Gukurikirana iyishyurwa ry'amahoro n'andi mafaranga atishyuwe	<u>Section 3:</u> Recovery of fees and other charges not paid	<u>Section 3:</u> Recouvrement des taxes parafiscales et des autres redevances non

payées

Ingingo ya 30: Gusabwa kwishyura nta nteguza

Article 30: Payment without prior notice

Article 30: Paiement sans préavis

Ingingo ya 31: Uburyo bwo kwishyura ibirarane by'amahoro n'andi mafaranga

Article 31: Procedures for recovery of fee arrears and other charges not paid

Article 31: Procédures de recouvrement des arriérés de taxes et autres redevances impayées

Ingingo ya 32: Uburyo bwo kujurira

Article 32: Appeals procedures

Article 32: Procédures d'appel

Ingingo ya 33: Igihe kigera amahoro akaba atagitanzwe

Article 33: Fees payment prescription period

Article 33: Délai de prescription du paiement des taxes et autres redevances

UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

CHAPTER IV: FINAL AND MISCELLANEOUS PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES ET DIVERSES

Ingingo ya 34: Amabwiriza agenga iyakira ry'amahoro hakoreshejwe rwiyekezamirimo

Article 34: Instructions governing fees collection through outsourcing system

Article 34: Instructions régissant la collecte des taxes par le système de sous-traitance

Ingingo ya 35: Kwirinda kwaka kabiri amahoro cyangwa andi mafaranga

Article 35: Avoiding double collection of fees and other charges

Article 35: Eviter la double perception des taxes et autres redevances

Ingingo ya 36: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Article 36: Authorities in charge of implementation of this Order

Article 36: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 37: Repealing provision

Article 37: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 38: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 38: Commencement

Article 38: Entrée en vigueur

ITEKA RYA PEREZIDA N°25/01 RYO KUWA 09/07/2012 RISHYIRAHU URUTONDE KANDI RIGENA IBIPIMO NTARENGWA BY'AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'INZEGO Z'IBANZE

PRESIDENTIAL ORDER N°25/01 OF 09/07/2012 ESTABLISHING THE LIST OF FEES AND OTHER CHARGES LEVIED BY DECENTRALIZED ENTITIES AND DETERMINING THEIR THRESHOLDS

ARRETE PRESIDENTIEL N°25/01 DU 09/07/2012 ETABLISSANT LA LISTE DES TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES PAR LES ENTITES DECENTRALISEES ET DETERMINANT LEURS SEUILS

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121 et 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'Inzego z'Ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 57 na 58;

Pursuant to Law n° 59/2011 of 31/12/2011 establishing the source of revenues and property of decentralized entities and governing their management, especially in Article 57 and 58;

Vu la Loi n° 59/2011 du 31/12/2011 établissant la source des revenus des entités décentralisées et régissant leur gestion, spécialement en ses articles 57 et 58 ;

Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;

Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Economique ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 02/05/2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and adoption by the Cabinet, in its session of 02/05/2012;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 02/05/2012 ;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho urutonde n'ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze .

Article One: Purpose of this Order

This Order establishes the list and thresholds of fees and other charges levied by the decentralized entities.

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté établit la liste et les seuils des taxes parafiscales et autres redevances perçues par les entités décentralisées.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

Article 2: Definitions of terms

In this Order, the following definitions shall mean:

Article 2 : Définitions des termes

Dans le présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **“Icyapa cyamamaza”**: icyapa gikozwe mu buryo ubwo aribwo bwose gishyirwa ahantu kigamije igikorwa cyo kwamamaza imirimo ibyara inyungu. Iki cyapa gitanga amakuru yose akenewe hagamijwe korohereza abaguzi kumenya ibicuruzwa cyangwa serivisi bikorwa cyangwa bigurishwa mu kigo runaka;

1° **“Advertising billboard”**: billboard made in whatever manner put in a given place and aimed at advertising profit oriented activities. Such advertising billboard gives customers accurate information about goods or services manufactured or sold by a given institution;

1° **« Panneau publicitaire »**: un panneau d'affichage fait de quelque manière que ce soit, placé dans un endroit donné et destiné à faire la publicité des activités lucratives. Un tel panneau publicitaire donne toutes les informations nécessaires pour aider les clients à disposer d'informations précises sur les biens ou services produits ou vendus par une institution donnée ;

2° **“Icyapa kiranga ahantu”**: icyapa gikozwe mu buryo ubwo aribwo bwose ariko kigamije kwerekana icyerekezo cy'ahantu hakorerwa ibikorwa runaka. Iki cyapa ntikigaragaza amakuru yose akenewe n'umuguzi kugira ngo ashobore kugura

2° **“Signpost”**: billboard made in whatever manner with intention to show the direction of a place where specific activities are carried out. This kind of billboard does not provide customers with all information to make purchase decisions;

2° **« Panneau de signalisation »**: un panneau d'affichage fait de quelque manière que ce soit indiquant la direction d'un endroit où sont menées des activités spécifiques. Ce type de panneau ne donne pas toutes les informations dont un client a besoin

ibyo akeneye;

3° **“Banderole”**: urupapuro cyangwa umwenda byanditseho ubutumwa bwamamaza cyangwa bumenyesha abantu igikorwa runaka, bishyirwa ahantu abantu bose bashobora kububona.

4° **“Santeri y’ubucuruzi”**: ahantu hagenwa n’Inama Njyanama y’Urwego rw’Ibanze hakorerwa imirimo mito n’iciriritse ibyara inyungu.

5° **“Umunara w’itumanaho”**: igikoresho gikozwe mu cyuma cyangwa mu bindi bikoresho, gishyizwe ahantu kubutaka cyangwa hejuru y’inyubako, cyifashishwa mu itumanaho n’isakazamajwi.

6° **“Inyubako”**: inyubako itimukanwa kandi ihamye irinda ku buryo buhoraho cyangwa mu gihe kirekire abantu, inyamaswa cyangwa amamashini, kononekara bitewe n’ibiza. Mu nyubako habarirwamo amazu.

7° **“Kariyeri”**: amabuye, umucanga, itaka n’ibindi bicukurwa mu butaka

3° **“Banner”**: flipchart or fabric printed with advertising materials or informing people about a given activity and which are put in a place where all persons can see it.

4° **“Trading center”**: place determined by decentralised entities and where small and medium level profit oriented activities are carried out.

5° **“Communication tower”**: metallic structure or in other material that is erected on the sopil or on the top of a building for communication facilitation purposes.

6° **“Building”**: immovable and stable construction which protects humans, animals or machineries permanently, or in the long term, from disaster. Building also includes houses.

7° **“Quarries”**: stones, sand, soil and other material exploited from land and

pour faire ses achats ;

3° **« Banderole »**: papier ou tissu imprimés avec des matériaux publicitaires ou informant les personnes d'une activité donnée et qui sont mis dans un endroit où toute personne peut les voir.

4° **« Centre commercial »**: un lieu déterminé par les entités décentralisées et où sont menées des activités commerciales de petite et moyenne envergure.

5° **« Tour de communication »**: une structure métallique ou en autres matériaux qui est installée sur le sol ou sur le toit d'un immeuble à des fins de facilitation de la communication.

6° **« Bâtiment »**: une construction immobilière inamovible et stable qui protège les êtres humains, les animaux ou les machines de façon permanente ou à long terme, contre les catastrophes. Il inclut également les maisons.

7° **« Carrières »**: pierres, du sable, sol et autres matériaux extraits de la terre et

bikoreshwa mu mirimo y'ubwubatsi.

used in construction works.

utilisés dans les travaux de construction ;

8° **“Umuntu”**: umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa ishyirahamwe ry'abantu.

8° **“Person”**: individual, a legal entity or an association of individuals.

8° **« Personne »**: un individu, une personne morale ou une association d'individus.

9° **“Ikinyabiziga”**: ikinyabiziga gifite moteri gikoreshwa mu gutwara abantu cyangwa ibintu ku butaka, ariko cyane cyane mu mihanda.

9° **“Vehicle”**: machine usually with wheels and engine, which is used for transporting people or goods on land, especially on roads.

9° **« Véhicule »**: engin à moteur utilisé pour le transport des personnes ou des biens sur la voie terrestre et en particulier sur les routes.

10° **“Urwego rw'ibanze”**: urwego rw'imitegekere y'igihugu rwegerejwe abaturage rufite ubuzima gatozi n'ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi barwo.

10° **“Decentralized entity”**: local administrative entity with legal personality and administrative and financial autonomy.

10° **« Entité décentralisée »**: une entité administrative locale dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.

11° **“Parikingi”**: ahantu hatunganijwe n'urwego rubifitiye ububasha kugira ngo ibinyabiziga, ibinyamitende n'amato bibashe kuhahagarara.

11° **“Parking”**: place developed by a decentralized entity so that vehicles, bicycles and boats can be stationed.

11° **« Parking »**: un endroit aménagé par une entité décentralisée de manière à ce que les véhicules, vélos et bateaux puissent y stationner.

UMUTWE WA II: AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'URWEGO RW'IBANZE

CHAPTER II: FEES AND OTHER CHARGES LEVIED BY A DECENTRALIZED ENTITY

CHAPITRE II: TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES PAR UNE ENTITE DECENTRALISEE

Ingingo ya 3: Urutonde rw'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze

Article 3: List of fees and other charges levied by a decentralized entity

Article 3: Liste des taxes et autres redevances perçues par une entité décentralisée

Amahoro n'andi mafaranga yakwa n'urwego rw'ibanze ni aya akurikira:

The fees and other charges collected by a decentralized entity shall be the following:

Les taxes et autres redevances perçues par une entité décentralisée sont les suivantes :

Official Gazette n° Special of 27/07/2012

- | | | |
|---|--|---|
| 1. Amahoro ashingiye ku ikoresha ry'umutungu rusange wa Leta akurikira: | 1. Fees for occupation of public domain | 1. Taxes sur l'occupation du domaine public |
| a. Amahoro yo mu isoko; | a. Market fees; | a. Taxes du marché; |
| b. Amahoro yakwa ku marimbi rusange; | b. Fees charged on public cemeteries; | b. Taxes sur les cimetières publics ; |
| c. Amahoro kuri parking; | c. Fees charged on parkings; | c. Taxes de parkings ; |
| d. Amahoro kuri za parikingi rusange; | d. Fees on public parkings; | d. Taxes sur les parkings publics ; |
| e. Amahoro kuri parking z'ubwato; | e. Parking fees on Boats; | e. Taxes sur les parkings pour les bateaux ; |
| f. Amahoro ku bukode bw'ubutaka; | f. Fees on lease of land ; | f. Taxes sur la location de terrains ; |
| g. Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi; | g. Fees on lease of land to be collected annually on land used for agriculture and livestock activities; | g. Taxes de locations perçues annuellement sur les terrains utilisés pour les activités agricoles et d'élevages ; |
| h. Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri. | h. Fees charged annually on land reserved for quarries exploitation. | h. Taxes perçues annuellement sur la location des terrains réservés pour l'exploitation des carrières. |
| 2. Amahoro akurikira ashingiye kuri servisi zikorerwa abaturage: | 2. The following fees are based on services rendered to citizens: | 2. Taxes suivantes sur les services fournis aux citoyens |
| a. Amahoro y'isuku rusange; | a. Fees charged on public cleaning services; | a. Taxes pour les services de nettoyage public; |
| b. Amahoro yo gushyingirwa ku muni | b. Fee charged on civil marriage | b. Taxe pour la célébration d'un |

Official Gazette n° Special of 27/07/2012

utandukanye n’uwagenwe;	done outside the official business days;	mariage civil en dehors des jours ouvrables officiels;
c. Amafaranga atangwa kuri serivisi z’ibyangombwa by’ubutaka n’ibibanza;	c. Fees charged on provision of land and plot related services;	c. Taxes sur les services liés aux documents de biens immobiliers et aux parcelles
d. Amafaranga atangwa ku byemezo n’impapuro bitangwa na Leta n’inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri;	d. Fees charged on official documents and documents notified by the public Notary;	d. Taxes sur les documents officiels et les actes notariés du notaire.
e. Amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, amatafari n’amategura.	e. Fees charged on authorizations to burn firewood, clay bricks and roof tiles.	e. Taxes autorisation de production des briques cuites, des tuiles et du charbon de bois.
3. Andi mafaranga yakirwa akurikira :	3. Other following charges	3. Autres redevance suivantes
a. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole;	a. Fees charged on advertising billboard or banners;	a. Taxes sur les panneaux publicitaires et banderoles;
b. Amahoro yakwa ku cyapa cy’ubwato;	b. Fees charged on boat number plate;	b. Taxes sur les plaques d'immatriculation des bateaux ;
c. Amahoro yakwa ku cyapa cy’igare;	c. Fees charged on bicycle number plates;	c. Taxes sur les plaques d'immatriculation des vélos;
d. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n’isakazamajwi;	d. Fees charged on communication towers ;	d. Taxes sur les antennes de communication ;
e. Amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba.	e. Fees charged on transport of materials from quarries and forests.	e. Taxes sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts.

Amahoro n'andi mafaranga ateganijwe muri iyi ngingo ni yo yonyine yemewe kwakirwa n'urwego rw'ibanze.

Only fees and other charges stipulated in this Article shall be levied by a decentralized entity.

Seuls les taxes et redevances prévues au présent article peuvent être perçues par une entité décentralisée.

Iyo hagize andi mahoro urwego rw'ibanze rubona ko ari ngombwa kwakira, byemezwa n'Inama Njyanama imaze kugisha inama Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

In case the decentralized entity finds it necessary to levy any other fees, this shall be approved by the Council of the decentralized entity after consultation with the Minister in charge of finance.

Lorsque l'entité décentralisée estime opportun d'imposer toutes autres taxes, cela est approuvé par le Conseil de l'entité décentralisée après consultation avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Urwego rw'ibanze ntirwemerewe gushyiraho amahoro cyangwa andi mafaranga yihariye ku musaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi.

A decentralized entity shall not be allowed to set special fee and other charges on agricultural and animal husbandry products.

L'entité décentralisée n'est pas autorisée à imposer des taxes spéciales et autres redevances sur les produits agricoles et d'élevages.

UMUTWE WA III: IBIPIMO NTARENGWA BY'AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA

CHAPTER III: TRESHOLD OF FEES AND OTHER CHARGES LEVIED

CHAPITRE III: SEUILS DES TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES

Icyiciro cya mbere: Igipimo cy'amahoro ku bantú bakoresha umutungo bwite wa Leta

Section One: Fees threshold for occupation of public domain

Section première: Seuils des taxes sur l'occupation du domaine public

Ingingo ya 4: Amahoro yo mu isoko

Article 4: Market fees

Article 4: Taxes du marché

Amahoro yakwa mu isoko yishyurwa n'abacururiza ahantu hagenewe ibicuruzwa byabo.

Market fees shall be charged to traders in area that has been designated for their merchandise.

Les taxes du marché sont exigées des commerçants à l'emplacement qui a été désigné pour leurs marchandises.

Ibipimo by'amahoro yo mu isoko bigenwa n'Inama Njyanama ya buri rwego rw'ibanze ishingira ku bunini bw'ahacururizwa,

The thresholds of market fees shall be fixed by the Council of a decentralized entity considering the size of the designated area and

Les seuils des taxes du marché sont fixés par le Conseil de toute entité décentralisée qui prend en compte la taille de l'emplacement

n'imiterere y'ibicuruzwa.

the nature of products sold.

désigné ainsi que la nature des produits vendus.

Ibipimo by'amahoro yo mu isoko yishyirwa rimwe mu kwezi biteye ku buryo bukurikira:

The thresholds of market fees shall be paid on a monthly basis as follows:

Les seuils des taxes du marché sont payés mensuellement comme suit:

1. Mu isoko ry'iterambere ryubatswe, Inama Njyanama igena amahoro yo mu isoko ku buryo bukurikira:

1. In a modern constructed market, the Council shall set fees as follows:

1. Dans un marché moderne construit, le Conseil fixe les taxes comme suit:

a. **Ahafatwa nk'umujiyi:** amahoro kuva ku mafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10.000 Frw) ku kibanza;

a. **In an area considered as town:** fee shall range from five thousand (Rwf 5,000) to ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000) per stall;

a. **Dans une zone considérée comme ville:** la taxe varie entre cinq mille (5.000 Frw) et dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par stand ;

b. **Ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi:** amahoro kuva ku mafaranga ibihumbi bitatu (3.000 Frw) kugeza ku bihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) ku kibanza;

b. **In an area considered as trading centre:** fee shall range from three thousand (Rwf 3,000) to five thousand Rwandan francs (Rwf 5,000) per stall;

b. **Dans une zone considérée comme centre commercial :** la taxe varie entre trois mille (3.000 Frw) et cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) par stand ;

c. **Ahafatwa nk'icyaro:** amahoro kuva ku mafaranga igihumbi (1.000 Frw) kugeza ku bihumbi bitatu y'amanyarwanda (3.000 Frw) ku kibanza.

c. **In an area considered as rural area:** fee shall range from one thousand (Rwf 1,000) to three thousand Rwandan francs (Rwf 3,000) per stall.

c. **Dans une zone considérée comme rurale :** la taxe varie entre mille francs (1.000 Frw) et trois mille francs rwandais (3.000 Frw) par stand.

2. Mu isoko ritubatse, Inama Njyanama igena amahoro ku buryo bukurikira:

2. For unconstructed market places, the Council shall determine fees as follows:

2 **Pour les places des marchés non construits,** le Conseil détermine les taxes comme suit:

a. **Ahafatwa nk'umujiyi:** amahoro kuva ku mafaranga bihumbi bitatu (3.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) ku kibanza;

b. **Ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi:** amahoro kuva ku mafaranga igihumbi (1.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi bitatu y'amanyarwanda (3.000 Frw) ku kibanza;

c. **Ahafatwa nk'icyaro:** amahoro atarenze amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw) ku kibanza;

a. **In an area considered as town:** fee shall range from three thousand (Rwf 3,000) to five thousand Rwandan francs (Rwf 5,000) per stall;

b. **In an area considered as a trading centre:** fee shall range from one thousand (Rwf 1,000) to three thousand Rwandan francs (Rwf 3,000) per stall.

In an area considered as rural area: fee shall not exceed one thousand Rwandan francs (Rwf 1,000) per stall;

a. **Dans une zone considérée comme ville:** la taxe varie entre trois mille francs (3.000 frw) et cinq mille francs rwandais (5.000 frw) par stand ;

b. **Dans une zone considérée comme centre commercial:** la taxe varie entre mille francs (1.000 Frw) et trois mille francs rwandais (3.000 Frw) par stand.

c. **Dans une zone considérée comme zone rurale:** la taxe ne dépasse pas mille francs rwandais (1.000 Frw) par stand ;

Ingingo 5: Amahoro y'irimbi rusange

Urwego rw'ibanze rugena ahafatwa nk'irimbi rusange kandi rukagena amahoro agomba kwishyurwa.

Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze igena amahoro yakwa ku irimbi rusange ari hagati y'amafaranga magana atanu (500 Frw) n'amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) ku mva.

Inama Njyanama ni yo igena ikiguzi cy'imva zo mu irimbi rusange.

Article 5: Fees on public cemetery

Decentralized entities shall determine places to be considered as public cemeteries and set fees to be paid.

The Council of the decentralized entity shall determine fees to be charged on the public cemetery ranging between five hundred (Rwf 500) and five thousand Rwandan Francs (Rwf 5,000) per tomb.

The Council of the decentralized entity shall determine the price for a tomb in a public cemetery.

Article 5: Taxes sur les cimetières publics

Les entités décentralisées déterminent les endroits à considérer comme des cimetières publics et déterminent les taxes à payer.

Le Conseil de l'entité décentralisée détermine les taxes à percevoir sur les cimetières publics qui sont comprises entre cinq cent (500 Frw) et cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) par tombe.

Le Conseil détermine le prix pour une tombe dans un cimetière public.

Ingingo ya 6: Amahoro kuri parikingi

Umuntu wese uparitse ikinyabiziga cye muri parikingi zagenwe n'urwego rw'ibanze, yishyura amahoro agenwa n'Inama Njyanama y'urwo rwego hashingiwe ku bwoko bw'icyo kinyabiziga. Buri parikingi igomba kugira icyapa kiyiranga.

Amahoro kuri parikingi yishyurwa ku isaha, ku muni cyangwa ku kwezi.

Parikingi iri mu mbago z'ikibanza cy'umuntu icungwa na nyiracyo. Iyo yishyuje amafaranga, bifatwa nk'ubucuruzi busanzwe, hakishyurwa imisoro iteganywa n'itegeko.

Ibinyabiziga bikurikira, ntibyishyura amahoro ya parikingi igihe cyose biri mu kazi byagenewe:

1° Ibinyabiziga bya Leta, ibigo n'imishinga yayo bifite ibyapa bibiranga.

2° Ibinyabiziga by'Ambasade.

3° Ibinyabiziga by'Imiryango mpuzamahanga ishamikiye ku muryango w'Abibumbye n'iby'indi miryango mpuzamahanga

Article 6: Fees on parking

Any person who parks his/her car in parking lots determined by a decentralized entity shall pay a parking fee based on the category of the vehicle. Every parking shall have a signpost.

Parking fee shall be paid either per hour, per day or per month.

A parking located in private plot shall be managed by the owner. In case, the owner charges parking fees, this shall be considered as profit oriented activity and he/she shall pay fees as specified by tax laws in place.

The following vehicles shall not be charged parking fees when on official duty.

1° Vehicles owned by the State, its institutions and projects - when they have their identification plates;

2° Vehicles belonging to an Embassy;

3° Vehicles of the United Nations affiliated international organizations and other international organizations having specific

Article 6: Taxes de Parking

Toute personne qui stationne son véhicule dans l'une des aires de stationnement déterminées par une entité décentralisée paie une taxe de stationnement en fonction de la catégorie du véhicule. Chaque parking doit être signalé par un panneau de signalisation.

La taxe de stationnement est payée par heure, par jour ou par mois.

Le parking situé dans une parcelle privée est géré par son propriétaire. Dans le cas où le propriétaire perçoit des taxes de stationnement, ceci est considérée comme une activité lucrative et le propriétaire doit payer les impôts conformément aux lois fiscales en vigueur.

Les véhicules suivants ne paient pas de taxes de stationnement lorsqu'ils sont en service officiel.

1° Les véhicules appartenant à l'Etat, aux institutions gouvernementales et projets quand ils ont leurs plaques d'identification.

2° Les véhicules appartenant à une ambassade ;

3° Les véhicules des organisations internationales affiliées à l'Organisation des Nations Unies ainsi que ceux des

Official Gazette n° Special of 27/07/2012

ifitanye amasezerano yihariye na Leta y'u Rwanda;	agreement with the Government of Rwanda;	autres organisations internationales ayant un accord spécifique avec le Gouvernement du Rwanda ;
4° Ibinyabiziga byihariye byagenewe abafite ubumuga.	4° Special vehicles designed for disabled persons.	4° Les véhicules spéciaux conçus pour les personnes handicapées
Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze igena amahoro yakwa kuri parikingi hashingiwe kuri ibi bikurikira:	The Council of a decentralized entity shall set parking fee basing on the following:	Le Conseil d'une entité décentralisée fixe la taxe de parking en fonction de ce qui suit:
1. Imodoka nto n'amapikipiki byishyura amahoro atarengeje :	1. Small vehicles and motorcycles shall pay a fee not exceeding :	1. Les petits véhicules et motocyclettes paient une taxe n'excédant pas:
a. amafaranga ijana y'amanyarwanda (100 Frw) ku isaha;	a. one hundred Rwandan francs (Rwf 100) per hour.	a. cent francs rwandais (100 Frw) par heure.
b. amafaranga magana atanu y'amanyarwanda (500 Frw) ku muni;	b. five hundred Rwandan francs (Rwf 500) per day.	b. cinq cents francs rwandais (500 Frw) par jour.
c. Amafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10,000 Frw) ku kwezi.	c. ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000) per month.	c. dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par mois.
2. Ikamyo nto na minibisi byishyurirwa amahoro atarengeje	2. Small lorries and minibuses shall pay a fee not exceeding	2. Les camionnettes et les minibus paient une taxe n'excédant pas:
a. amafaranga magana abiri y'amanyarwanda (200 Frw) ku isaha;	a. two hundred Rwandan francs (Rwf 200) per hour.	a. deux cent francs rwandais (200 Frw) par heure.
b. amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw) ku muni.	b. one thousand Rwandan francs (Rwf 1,000) per day.	b. mille francs rwandais (1.000 Frw) par jour.
c. amafaranga ibihumbi cumi na bibiri y'amanyarwanda (12.000 Frw) ku kwezi.	c. twelve thousand Rwandan francs (Rwf 12,000) per month.	c. douze mille francs rwandais (12.000 Frw) par mois.
3. Ikamyo nini idafite remoroki, Bisi nini na	3. A heavy truck without trailer, big bus and	3. Un camion lourd sans remorque, un gros

Official Gazette n° Special of 27/07/2012

za taragiteri byishyurirwa amahoro atarengeje :	tractor shall pay a fee not exceeding :	autobus et tracteur payent une taxe n'excédant pas:
a. amafaranga magana ane y'amanyarwanda (400 Frw) ku isaha.	a. four hundred Rwandan Francs (Rwf 400) per hour.	a. quatre cents francs rwandais (400 Frw) par heure.
b. amafaranga ibihumbi bibiri y'amanyarwanda (2.000 Frw) ku muni.	b. two thousand Rwandan Francs (Rwf 2000) per hour.	b. deux mille francs rwandais (2000 Frw) par heure.
c. amafaranga ibihumbi icumi na bitanu y'amanyarwanda (15.000 Frw) ku kwezi.	c. fifteen thousand Rwandan Francs (Rwf 15,000) per month.	c. quinze mille francs rwandais (15.000 Frw) par heure.
4. Ikamyo ifite remoroki n'imashini nini ikoresheya mu kubaka no gukora imihanda byishyurirwa amahoro atarengeje:	4. Vehicles with a trailer and heavy machine used for construction works and road construction shall pay a fee not exceeding:	4. Un camion avec remorque et un engin lourd utilisé pour les travaux de construction de routes ou de batiments payent une taxe n'excédant pas:
a. amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw) ku isaha.	a. one thousand Rwandan Francs (Rwf 1000) per hour.	a. mille Francs (1.000 Frw) par heure.
b. amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw).ku muni.	b. five thousand Rwandan Francs (Rwf 5,000) per day.	b. cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) par jour.
c. amafaranga ibihumbi makumyabiri y'amanyarwanda (20.000 Frw) ku kwezi.	c. twenty thousand Rwandan Francs (Rwf 20,000) per month.	c. vingt mille francs rwandais (20.000 Frw) par mois
5. Ikinyabiziga gikurura remoruki cyangwa ikindi kinyabiziga uretse moto cyishyurirwa amahoro hakurikijwe icyiciro kirimo.	5. Vehicle with trailer or other vehicle excluding motorcycles shall be subject to fee in accordance with their categories.	5. Un véhicule tirant une remorque ou un autre vehicule autres que les motocyclettes paye la taxe en fonction de sa catégorie.

Ingingo ya 7: Amahoro kuri parikingi rusange

Imodoka yose yinjiye muri parikingi rusange itanga amahoro y'umunsi kuri iyo parikingi rusange uko yinjijemo.

Inama Njyanama igena amahoro yakwa kuri parikingi rusange hashingiwe kuri ibi bikurikira:

- 1° Minibisi zifite imyanya yicarwamo itarenze 18 n'amavatiri akora tagisi byishyurirwa amafaranga atarenze magana atanu y'amanyarwanda (500 Frw);
- 2° Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo iri hagati ya 18 na 30 zishyurirwa amafaranga atarenze igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw);
- 3° Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo iri hagati ya 30 na 50 zishyurirwa amafaranga ari hagati y'igihumbi magana atanu (1.500 Frw) n'ibihumbi bitatu y'amanyarwanda (3.000 Frw);
- 4° Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo irenze 50, yishyurirwa amafaranga ari hagati y'ibihumbi bitatu

Article 7: Fees on public parkings

Any vehicle entering a public taxi park shall pay daily fee each time they enter a public taxi park.

1° Icyapa cyamamaza ibikorwa cyangwa imirimo ibyara inyungu cyishyurirwa amahoro ari hagati y'amafaranga ibihumbi icumi (10.000 Frw) n'amafaranga ibihumbi makumyabiri y'amanyarwanda (20.000 Frw) kuri metero kare ku mwaka. Iyo icyapa cyamamaza ku mpande zombi, buri ruhande rwishyurirwa amahoro;	1° An advertising billboard advertising profit oriented activities shall be subject to an annual fee between ten thousand (Rwf 10,000) and twenty thousand Rwandan francs (Rwf 20,000) for every square meter. If such an advertising billboard advertises on both sides, each side shall be subject to fees;	1° Un panneau publicitaire annonçant des activités lucratives fait l'objet d'une taxe annuelle comprise entre dix mille (10.000 Frw) et vingt mille francs rwandais (20.000 Frw) pour chaque mètre carré et si le panneau publicitaire comporte une annonce des deux côtés, chaque côté est taxé ;
2° Banderole yanditseho ubutumwa bumenyekanisha igikorwa yishyurirwa amahoro ari hagati y'amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) n'amafaranga ibihumbi cumi (10.000	2° A banner showing a message advertising any activity shall be subject to a fee between five thousand (Rwf 5,000) and ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000) per day;	2° Une banderole publicitaire fait l'objet d'une taxe comprise entre cinq mille (5.000 Frw) et dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par jour ;

Frw) y'amanyarwanda ku munsu;

3° Ibyapa byamamaza hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga byishyurirwa amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itandatu (60.000 Frw) kugera ku bihumbi ijana y'amanyarwanda (100.000 Frw) ku mwaka hatitawe ku bunini bwabyo;

4° Kwamamaza ubucuruzi hakoreshejwe ibyapa cyangwa ibishushanyo bikorewe ahandi hanyuranye n'ibiteganywa n'igika cya 2 cy'iyi ngingo bigomba gusabirwa uburenganzira bwihariye ku rwego rw'ibanze rubifitiye ububasha akaba ari narwo rugena amahoro yishyurwa atagomba kujya munsu y'ibihumbi mirongo inani y'amanyarwanda (80.000 Frw) ku mwaka.

3° Advertising billboards using information technology shall be subject to a fee ranging between sixty thousand (Rwf 60,000) to one hundred thousand Rwandan francs (Rwf 100,000) irrespective of their size;

4° Advertising commercial activities using advertising billboards or displays in places different from the ones provided in the paragraph 2 of this Article must seek special authorization from a competent decentralized entity which shall also determine the fee to be paid. Such fee shall not be less than eighty thousand Rwandan francs (Rwf 80,000) per year.

3° le panneau publicitaire électronique fait l'objet d'une taxe comprise entre soixante mille (60.000 Frw) et cent mille francs rwandais (100.000 Frw) indépendamment de leur taille ;

4° La publicité des activités commerciales par voie de panneaux ou d'affiches dans les endroits autres que ceux prévus à l'alinéa 2 du présent article requiert une autorisation spéciale de l'entité décentralisée habilitée qui fixe également une taxe à percevoir qui ne doit pas se situer en dessous de quatre-vingt mille francs rwandais (80.000 Frw) par an.

Ingingo ya 20: Amahoro ku cyapa kiranga ubwato

Icyapa kiranga ubwato gisabwa kandi kigatangwa burundu n'urwego rw'ibanze kandi nta bwato bwemerewe gukora budafite icyapa kiburanga. Nta bwato bushobora gusabwa amahoro n'urwego rw'ibanze rurenze rumwe.

Inama Njyanama igena amahoro yakwa ku cyapa kiranga ubwato hashingiwe kuri ibi

Article 20: Fees for boat number plate

The boat number plates shall be requested from and issued once by a decentralized entity. A boat shall not be allowed to operate without a number plate and no boat shall be required to pay fees by more than one decentralized entity.

The Council of a decentralized entity shall set fees for boat number plates based on the

Article 20: Taxes sur les plaques d'immatriculation des bateaux

Le numéro de plaque d'immatriculation d'un bateau est demandé et alloué par une entité décentralisée. Un bateau n'est pas autorisé à naviguer sans avoir une plaque d'immatriculation et aucun bateau ne peut être astreint à payer des taxes à plus d'une entité décentralisée.

Le Conseil d'une entité décentralisée fixe les taxes des plaques d'immatriculation des

Official Gazette n° Special of 27/07/2012

bikurikira:	following:	bateaux sur la base de ce qui suit:
1° Icyapa kiranga ubwato bufite moteri ni amafaranga atarengeje ibihumbi cumi na bitanu (15.000 Frw);	1° Fee for a number plate of motorboats shall not exceed fifteen thousand Rwandan francs (Rwf 15,000);	1° La taxe pour une plaque d'immatriculation d'un bateau à moteur est de quinze mille francs rwandais (15.000 Frw) ;
2° Icyapa kiranga ubwato budafite moteri ni amafaranga atarengeje ibihumbi bitatu (5.000 Frw).	2° Fee for a number plate of boat without engine shall not exceed five thousand Rwandan francs (Rwf 5,000).	2° La taxe pour une plaque d'immatriculation d'un bateau sans moteur est de cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) par an.
Iyo ubwato butakaje icyapa bwongera kwishyurirwa amafaranga ateganijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.	If a boat number plate gets lost, the boat owner must pay the fee provided in Paragraph 2 of this Article.	Si le numéro de plaque d'immatriculation d'un bateau est perdu, le propriétaire du bateau doit payer la taxe prévue à l'alinéa 2 du présent article.
Nyir'ubwato afite uburenganzira bwo gusaba icyapa cy'ubwato bwe ku rwego rw'ibanze yihitiyemo ruhana imbibi n'amazi ubwo bwato bukoreramo.	The boat owner shall have the right to request for a number plate for his/her boat from the decentralized entity of their choice bordering the waters in which their boat operates	Le propriétaire du bateau a le droit de demander une plaque d'immatriculation pour son bateau à l'entité décentralisée de son choix située au bord des eaux dans lesquelles son bateau opère.
<u>Ingingo ya 21:</u> Amahoro ku byapa by'amagare	<u>Article 21:</u> Fees on bicycle number plates	<u>Article 21:</u> Taxes sur les plaques d'immatriculation des vélos
Igare rikora imirimo yo gutwara abantu n'ibintu rigamiye inyungu risabwa icyapa kandi rikagihabwa burundu n'urwego rw'ibanze bireba.	A bicycle number plate for any bicycle used in profit making activities of transporting passengers and goods shall be requested from and issued permanently by concerned decentralized entity.	Les plaques d'immatriculation des vélos utilisés dans des activités lucratives de transport de personnes et de marchandises sont demandées et distribuées d'une façon permanente par l'entité décentralisée concernée.
Icyapa cy'igare cyishyurirwa amahoro angana n'amafaranga igihumbi y'amanyarwanda	Fee for a bicycle number plate shall be one thousand Rwanda francs (Rwf 1,000).	La taxe pour une plaque d'immatriculation d'un vélo est de mille francs rwandais (Frw 1.000).

(1.000 Frw).

Iyo igare ritakaje icyapa, cyongera kwishyurirwa amahoro ateganijwe mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

If a bicycle number plate gets lost, the bicycle owner must pay the fee provided in paragraph 2 of this Article.

Si une plaque d'immatriculation du vélo se perd, le propriétaire du vélo paie la taxe prévue à l'alinéa 2 du présent article.

Ingingo ya 22: Amahoro ku minara y'itumanaho n'isakazamajwi

Article 22: Fees on communication towers

Article 22: Taxes sur les antennes de communication

Umunara w'itumanaho cyangwa w'isakazamajwi wishyurirwa buri mwaka amahoro asa nk'imisoro angana n'amafaranga ibihumbi bibiri y'amanyarwanda (2.000 Frw) kuri metero imwe y'ubujyejuru.

Any erected communication tower shall be charged annual charges equivalent to two thousand Rwandan francs (Rwf 2,000) on every meter of the tower's vertical length.

Toute antenne de communication est assujettie à une redevance annuelle équivalente à deux mille francs rwandais (2.000 Frw) sur chaque mètre de longueur verticale de l'antenne.

Iyo umunara ushinze ku nyubako cyangwa ikindi kintu gituma ubujyejuru bwawo bwiyongera, mu kugena uburebure bw'umunara bwishyurirwa amahoro iyo nzu cyangwa icyo kintu bigomba nabyo kubarwa. Uburebure bw'icyo umunara ushinzeho bubarirwa amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw) kuri metero imwe y'ubujyejuru.

If a communication tower is erected on a building or on any other structure that allows increasing its altitude, the height of that building or structure shall also be considered when determining the taxable height of the tower. The height of the building or structure on which the tower is erected shall be charged one thousand Rwandan francs (Rwf 1,000) per meter.

Si une antenne de communication est érigée sur un bâtiment ou sur toute autre structure qui permet d'en augmenter la hauteur, la hauteur du bâtiment ou de la structure est prise en considération. La hauteur du bâtiment ou de la structure sur laquelle l'antenne est érigée est assujettie à une redevance de mille francs rwandais (Rwf 1.000) par mètre.

Ingingo ya 23: Amahoro ku bwikorezi bw'ibikomoka kuri kariyeri, ku mashyamba

Article 23: Fees charged on transport of materials from quarries and forests

Article 23: Taxe sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts

Ubwikorezi bw' ibikomoka kuri kariyeri cyangwa ku mashyamba bwishyurirwa amahoro asa n'imisoro hakurikijwe uburemere

Transport of any materials from quarries or forests shall be subject to charges based on the weight the vehicle is authorized to transport

Le transport des matériaux provenant des carrières ou des forêts est assujetti à une taxe basée sur le poids autorisé des véhicules

ikinyabiziga kibitwaye cyagenewe kwikorera, ayo mahoro akabarwa kuri toni.

and shall be calculated in terms of tonnes.

utilisés pour les transporter et cette taxe est calculée par tonne.

Toni imwe yabyo yishyurirwa amahoro angana n'amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw). Aya mahoro abarwa kandi akishurwa inshuro yose ikinyabiziga kije gupakira.

One ton of these materials are charged one thousand Rwandan francs (1,000 Rwf). This fee shall be calculated anytime a vehicle arrives to load the materials and shall be paid on every loading.

Une tonne de ces matériaux est taxée à mille francs rwandais (1.000 Frw). Cette taxe est calculée à chaque fois qu'un véhicule arrive pour charger les matériaux et doit être payée avant le chargement.

Ingingo ya 24: Kwemeza ibipimo by'amahoro

Article 24: Approval of fees thresholds

Article 24: Approbation des seuils des taxes

Haseguriwe ibiteganywa n'iri teka, ibipimo by'amahoro byemezwa n'Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari utangira ariko bitarenze tariki ya 30 Kamena ishingiye ku bipimo ntarengwa biteganywa muri iri teka kandi hakurikijwe umwihariko wa buri rwego rw'ibanze bireba.

Subject to the provisions of this Order, the fees threshold shall be approved by the Council of the decentralized entity before a fiscal year commence but not later than 30th June considering the maximum limits provided in this Order as well as the uniqueness of the decentralized entity.

Sous réserve des dispositions du présent arrêté, les seuils d'imposition des taxes sont approuvés par le Conseil d'une entité décentralisée avant le début de l'année fiscale et au plus tard le 30 juin de chaque année, en tenant compte des limites maximum prévues par le présent arrêté ainsi que des caractéristiques particulières de l'entité décentralisée.

Mu gihe nta kindi cyemezo cyo gushyiraho amahoro n'andi mafaranga cyemejwe cyangwa cyatangajwe n'Inama Njyanama kugeza uwo muni, ibipimo by'amahoro n'andi mafaranga byakoreshejwe umwaka ushize nibyo bikomeza gukurikizwa mu wundi mwaka uwukurikira.

If no decision fixing fees and thresholds is approved and published by the Council before that date, the list and fees thresholds of the previous year shall remain valid throughout the next fiscal year.

Si aucune décision nouvelle de fixation de taxes et de seuils n'est approuvée et publiée par le Conseil avant cette date, la liste et les seuils des taxes de l'année précédente restent valables tout au long de l'exercice fiscal à venir.

Ibyo bipimo bitangarizwa abaturage kandi bikamanikwa ku biro by'ubuyobozi bw'inzego

Those thresholds shall be communicated to the population and posted on the offices of the

Ces limites doivent être communiquées à la population et affichées aux bureaux des

z'ibanze n'ahandi hose hahurira abantu benshi.

decentralized entities building and in public places.

bâtiments des entités décentralisées et dans les endroits publics.

UMUTWE WA IV: KWISHYURA NO GUKURIKIRANA

CHAPTER IV: PAYMENT AND ENFORCEMENT

CHAPITRE IV: PAIEMENT ET PROCEDURES DE MISE EN APPLICATION

Icyiciro cya mbere: Kwishyura

Section One: Payment

Section première : Paiement

Ingingo ya 25: Kwishyura amahoro

Article 25: Fees and other charges payment

Article 25: Paiement des taxes et autres charges

Amahoro n'andi mafaranga ateganijwe n'iri teka yishyurirwa muri banki cyangwa mu ikindi kigo cy'imari cyagenwe n'urwego rw'ibanze. Cyakora, mu rwego rwo korohereza abishyura, Inama Njyanama ishobora kugena ubundi buryo uwishyura yakwifashisha ariko ubwo buryo bundi nabwo bugomba kuba burangizwa no gushyira amafaranga yose kuri konti yakirirwaho imisoro n'amahoro by'urwego rw'ibanze.

Payment of fees and other charges provided by this Order shall be made in banks or in any financial institution determined by the decentralised entity. However, in view of making things easier for fee payers, the Council of the decentralized entity may provide for alternative payment, but this method of payment must always end in depositing the sum collected in the bank account of the decentralized entity in which fees and other charges are deposited.

Le paiement des taxes et des autres redevances prévues par le présent arrêté se fait auprès d'une banque ou d'une institution financière déterminée par l'entité décentralisée. Toutefois, en vue de faciliter le paiement aux contribuables, le Conseil peut envisager d'autres possibilités de paiement des taxes et autres redevances, mais ces modes de paiement doivent aboutir au dépôt de la somme collectée dans le compte bancaire de l'entité décentralisée ouvert à cet effet.

Ingingo ya 26: Igihe amahoro n'andi mafaranga byishyurirwa

Article 26: Periods for payment of fees and other charges

Article 26: Périodes pour le paiement des taxes et autres frais

Amahoro n'andi mafaranga yishyurwa kugira ngo umuntu ahabwe serivisi yishyurwa mbere y'uko serivisi itangwa.

Fees and other charges charged for a service must be paid before the service is delivered.

Les taxes et autres redevances à percevoir pour un service sont payées avant que le service en question ne soit rendu.

Amahoro n'andi mafaranga yishyurwa buri

Fees and other charges payable on a monthly

Les taxes et autres redevances payables

kwezi, ashyikirizwa urwego rw'ibanze bitarenze itariki ya 5 y'ukwezi gukurikira ukwishyurirwa amahoro.

basis shall be paid to the decentralized entity not later than the 5th of the month following the one in which fees and other charges payable must be paid.

mensuellement doivent être payées à l'entité décentralisée au plus tard le 5 du mois qui suit celui au cours duquel le paiement des dites taxes et autres redevances sont exigibles.

Amahoro n'andi mafaranga yishyurwa rimwe mu mwaka byishyurwa bitarenze tariki ya 31 Ukuboza y'umwaka wishyurirwa.

Fees and other charges payable once a year shall be paid not later than the 31st of December of the taxable year.

Les taxes et autres redevances payables une fois l'an, sont versées au plus tard le 31 décembre de l'année concernée.

Umuntu usinye icyemezo cy'ubukode bw'ubutaka hagati mu mwaka yishyura amahoro ahwanye n'umubare w'amezi yari asigaye kugira ngo umwaka wishyurirwa urangire.

Any person that signs a land lease certificate in the middle of the year shall pay fees equal to the remaining months of the taxable year.

Toute personne qui signe un certificat de location de terrain au cours de l'année paie les taxes correspondantes au prorata des mois restant à courir jusqu'à la fin de l'année.

Ingingo ya 27: Kwishyura amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka mu byiciro

Article 27: Land lease fee payment in instalments

Article 27: Paiement par tranche de la taxe de location de terrain

Umuntu afite uburenganzira bwo kwishyura amahoro y'icyemezo cy'ubukode bw'ubutaka mu byiciro bitarenze bine (4) bijyanye n'umwaka wishyurirwa amahoro.

Any person has the right to pay land lease fee in not more than four (4) instalments in a given taxable year.

Toute personne a le droit de payer la taxe de location de terrain en tranches ne dépassant pas quatre (4) tranches étalées sur l'année au cours de laquelle la taxe est exigible.

Ubuyobozi bw'urwego rw'ibanze bushingiye ku busabe bw'usabwa kwishyura amafaranga y'ibitarane by'icyemezo cy'ubukode bw'ubutaka yakwa buri mwaka bushobora kumworohereza kwishyura mu byiciro bitarenze bine (4) mu mwaka. Iyo amasezerano yo kwishyura mu byiciro atubahirijwe, uwishyura asabwa kwishyura

The management of the decentralized entity may at the request of the fee payer, authorize a person to pay fee arrears relating to land lease certificate in not more than four (4) instalments in one year. If the authorisation to pay in instalments is not respected, the concerned payer shall be required to pay the whole remaining amount in a lump sum.

L'organe de gestion de l'entité décentralisée peut à la demande d'une personne taxée, autoriser celle-ci à payer des arriérées des taxes relatives au certificat de location de terrain en quatre (4) tranches maximum dans une année. Si l'autorisation de payer par tranche n'est pas respectée, la personne taxée

umwenda wose usigaye mu cyiciro kimwe.

Nyuma yo guhabwa amahirwe yo kwishyura mu byiciro ntabishobore, Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze bireba, ishingiyeye ku busabe bwo kuvanirwaho amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka yakwa ku mwaka, ishobora kumuvaniraho amahoro y'umwaka bigaragaye ko adashobora kubona ubwishyu busabwa.

Ingingo ya 28: Inyungu z'ubukererwe

Igihe amahoro ateganywa n'iri teka atishyuye, yishyuye akererewe cyangwa yishyuye atujuje igipimo cyemejwe abarwaho inyungu z'ubukererwe.

Igipimo cy'inyungu y'ubukererwe ni rimwe n'ibice bitanu ku ijan (1.5%) ku kwezi cyangwa igice cy'ukwezi amahoro amaze atarishyurwa.

Iyi nyungu ibarwa guhera umunsi ukurikira uwo amahoro yagombaga kwishyurirwaho kugera ku munsi wishyuriweho nawo ubariwemo kandi buri munsi w'ubukererwe ukabarwa ukwawo nta gukomatanya.

When a person authorized to pay in instalments is unable to do so, the Council of the concerned decentralized entity, based on request for exemption from payment of annual land lease fee to be, may exempt him/ her from paying fee for a specific year when it is evident that he/she cannot afford to pay the required fees.

Article 28: Interests on late

When the fees provided by this Order have not been paid, were paid late or were not paid in the total amount, they shall bear interest.

The interest rate on arrears shall be one point five per cent (1.5%) per month or an amount equivalent to half of the month for which fees were not paid.

Interests on arrears shall be calculated a date after payment of fees is due to the date of payment which shall be also considered. The interests of each day of late payment shall be calculated separately.

est tenue de payer la totalité du montant restant en une tranche.

Lorsqu'une personne autorisée à payer par tranche n'est pas en mesure de le faire, le Conseil de l'entité décentralisée concernée, sur la base d'une demande d'exemption de paiement de la taxe annuelle de location de terrain, peut exempter la personne taxée à payer la taxe annuelle lorsqu'il s'avère qu'elle n'est pas en mesure de payer la taxe requise.

Article 28: Intérêts de retard

Lorsque les taxes prévues par le présent arrêté n'ont pas été payées, ou ont été payées en retard ou n'ont pas été payées en totalité, elles génèrent des intérêts de retard.

Le taux d'intérêt de retard sur les arriérés est d'un virgule cinq pour cent (1,5%) par mois ou moitié du mois pour lequel les taxes n'ont pas été payées.

Les intérêts sur les arriérés sont calculés à partir du jour qui suit celui auquel les taxes auraient dû être payées, le jour du paiement y compris. Les intérêts de retard pour chaque jour de retard sont calculés séparément.

Ingingo ya 29: Ihazabu icibwa utishyuye cyangwa uwishyuye igihe cyararenze

Uretse inyungu igomba kwishyurwa, uwishyuye akererewe cyangwa utishyuye acibwa ihazabu ingana n'icumi ku ijana (10%) by'ubwishyu busabwa ariko iyo hazabu ntishobora kurenga amafaranga ibihumbi cumi y'amanyarwanda (10.000 Frw).

Icyiciro cya 3: Gukurikirana iyishyurwa ry'amahoro n'andi mafaranga atishyuwe

Ingingo ya 30: Gusabwa kwishyura nta nteguza

Iyo amahoro n'andi mafaranga bitishyuriwe igihe nk'uko biteganywa n'iri teka, urwego rw'ibanze rushyikiriza ugomba kuyishyura inyandiko ica amahoro n'andi mafaranga nta nteguza kandi agasabwa guhita yishyura amahoro n'andi mafaranga, inyungu z'ubukererwe n'ibihano bisabwa bitarenze iminsi umunani (8) y'akazi uherye ku munsu yahereweho iyo nyandiko.

Article 29: Penalties to be charged on any person who failed to pay or paid after due date

Apart from interests that must be paid on late payments, any person who pays late or who fails to pay shall be charged penalty equal to ten per cent (10%) of the payment amount due. However, penalties shall not exceed ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000).

Section 3: Recovery of fees and other charges not paid

Article 30: Payment without prior notice

When fees and any other charges were not paid in time as provided by this Order, the concerned decentralized entity shall send to the person required to pay an assessment of fees and other charges without warning and that person shall be required to immediately pay any fees and other required charges in a period not exceeding eight (8) business days starting from the date of reception of the assessment.

Article 29: Pénalités à payer par toute personne qui a failli de payer ou qui a payé après la date d'échéance

Indépendamment des intérêts qui doivent être payés, toute personne qui paie en retard ou qui omet de payer est tenue au paiement des pénalités égales à dix pour cent (10%) du montant requis, mais ces pénalités ne doivent pas dépasser dix mille francs rwandais (10.000 Frw).

Section 3: Recouvrement des taxes parafiscales et des autres redevances non payées

Article 30: Paiement sans préavis

Lorsque les taxes et autres charges n'ont pas été payés dans les délais prévus par le présent arrêté, l'entité décentralisée concernée envoie à la personne taxée, une note d'imposition sans préavis en demandant à la personne de payer les taxes et autres redevances dues y compris les intérêts de retard dans un délai ne dépassant pas huit (8) jours ouvrables à compter de la date de réception de la note d'imposition.

Ingingo ya 31: Uburyo bwo kwishyura ibirarane by'amahoro n'andi mafaranga

Iyo amahoro n'andi mafaranga bitishyuye ku itariki ntarengwa, cyangwa atishyuye hakurikijwe gusabwa kwishyura ntanteguza nk'uko biteganywa n'ingingo ya 33 y'iri teka, ubuyobozi bw'urwego rw'ibanze bireba bwihanangiriza bwa nyuma ugomba kwishyura mu nyandiko, rukamumenyesha amafaranga agomba kwishyurwa, inyungu z'ubukererwe, n'amahazabu ateganywa n'iri teka kandi bukamugenera igihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi yo kwishyura. Iyo minsi ibarwa uherye igihe usabwa kwishyura yaherewe ibarurwa imwihanangiriza.

Ingingo ya 32: Uburyo bwo kujurira

Umuntu usabwa kwishyura amahoro y'ikirenga cyangwa agafatirwa igihano hagamijwe kwishyura, afite uburenganzira bwo kujuririra Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze bireba mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ikurikira umunsi yaboneye inyandiko y'icyemezo cy'ubuyobozi.

Inama Njyanama yajuririwe igomba gufata umwanzuro mu gihe kitarenze iminsi mirongo

Article 31: Procedures for recovery of fee arrears and other charges not paid

Where fees and other charges were not paid on due date, or were not paid after request for payment notice provided by Article 33 of this Order, the management of the concerned decentralized entity shall send the last warning letter to the person required to pay informing him/her of the amount of money he/she must pay, late payment interests and fines provided by this Order and granting him/her a period of time not exceeding five (5) business day to make all payments. This period of time shall be calculated from the date of reception of the warning letter.

Article 32: Appeals procedures

A person required to pay extra fees or who is sanctioned to recover payments shall have the right to appeal to the Council of the concerned decentralized entity in a period of seven (7) days following the day he/she received the notification of the decision taken by the management.

The Council appealed to must issue a decision in a period not exceeding ninety (90) days

Article 31: Procédures de recouvrement des arriérés de taxes et autres redevances impayées

Lorsque les taxes et autres redevances n'ont pas été payés à l'échéance, ou n'ont pas été payés après la demande de paiement sans préavis tel que prévu par l'article 33 du présent arrêté, l'organe de gestion de l'entité décentralisée concernée envoie une dernière lettre d'avertissement à la personne tenue de payer qui l'informe du montant de la somme à payer ainsi que des intérêts de retard et amendes prévues par le présent arrêté et lui donne une période ne dépassant pas cinq jours ouvrables (5) pour s'en acquitter. Cette période est calculée à compter de la date de réception de la lettre d'avertissement.

Article 32: Procédures d'appel

Toute personne tenue de payer des taxes supplémentaires ou condamnée à une amende à des fins de recouvrement des taxes, a le droit d'interjeter appel auprès du Conseil de l'entité décentralisée concernée dans un délai de sept (7) jours ouvrables suivant le jour où elle a reçu la notification de la décision prise par la Direction.

Le Conseil devant lequel l'appel est introduit prend une décision dans un délai ne dépassant

icyenda (90) uherye umunsi inyandiko y'ijurira yakiriwe n'ubuyobozi. Iyo icyo gihe gishize, ntagisubizo gitanzwe, ubujurire bufatwa nk'ubwemewe.

Iyo uwajuriye atanyuzwe n'icyemezo cy'Inama Njyanama ajuririra inkiko zibifitiye ububasha mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira iyakirwa ry'icyemezo cy'Inama Njyanama.

Ingingo ya 33: Igihe kigera amahoro akaba atagitanzwe

Igihe gishira amahoro akaba atagitanzwe gitangira kubara guhera ku itariki ya mbere Mutarama mu mwaka ukurikira umwaka wishyurirwa amahoro kandi kitarangira ku itariki ya 31 Ukuboza y'umwaka wa gatanu (5) wishyurirwa amahoro.

Iyo habayeho kujurira, kubara icyo gihe biba bihagaze igihe cyose ubujurire butarafatwaho icyemezo.

Ku byerekeye ubukode bw'ubutaka, igihe gishira amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka akaba atakishyuye kingana n'umubare w'imyaka y'amasezerano y'ubukode.

from the day the appeal file was received by the management. Where that deadline elapses without issuing a decision, the appeal shall be considered acceptable.

Where the appellant is not satisfied with the decision of the Council he/she shall lodge an appeal to the competent courts within a period not exceeding fifteen (15) days following the decision of the Council.

Article 33: Fees payment prescription period

The prescription period for fee payments shall be counted from the 1st day of January of the fiscal year following the one in which fees had to be paid and end on the 31st of December of the fifth (5th) fiscal year.

In case of appeal, calculation of deadline shall be suspended as long as no decision has been taken on appeal.

With regard to land lease, the prescription period for tax payments shall be the duration of the contract of lease as indicated in the contract.

pas quatre vingt dix (90) jours à compter de la date à laquelle le dossier d'appel a été reçu par l'agent de gestion. Lorsque ce délai expire sans réponse, l'appel est réputé accepté.

Lorsque l'appellant n'est pas satisfait de la décision du Conseil, il fait recours aux tribunaux compétents dans un délai période n'excédant pas quinze (15) jours suivant la décision du Conseil.

Article 33: Délai de prescription du paiement des taxes et autres redevances

Le délai de prescription du paiement de la taxe et des autres redevances commence à courir à partir du 1^{er} janvier de l'année qui suit celle dans laquelle les taxes devaient être payées et se termine le 31 décembre de la cinquième (5^e) année.

En cas d'appel, le calcul de la date limite cesse de courir tant qu'aucune décision n'a été prise en rapport avec l'appel.

En ce qui concerne la location des terrains, le délai de prescription du paiement de la taxe est le nombre d'années de location spécifié dans le contrat.

UMUTWE WA IV: INGINGO	CHAPTER IV: FINAL AND MISCELLANEOUS PROVISIONS	CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES ET DIVERSES
<u>Ingingo ya 34:</u> Amabwiriza agenga iyakira ry'amahoro hakoreshejwe rwiyekezamirimo	<u>Article 34:</u> Instructions governing fees collection through outsourcing system	<u>Article 34:</u> Instructions régissant la collecte des taxes par le système de sous-traitance
Imitunganyirize y'iyakirwa ry'amahoro hakoreshejwe ba rwiyekezamirimo igenwa n'amabwiriza ya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.	Procedures regarding the collection of fees using outsourcing system shall be determined by an instruction of the Minister in charge of for finance.	Les procédures relatives à la perception des taxes et autres redevances par le système de sous-traitance sont déterminées par arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions.
<u>Ingingo ya 35:</u> Kwirinda kwaka kabiri amahoro cyangwa andi mafaranga	<u>Article 35:</u> Avoiding double collection of fees and other charges	<u>Article 35:</u> Eviter la double perception des taxes et autres redevances
Ibintu ubuyobozi ku rwego rw'ibanze bwatseho amahoro cyangwa andi mafaranga mbere y'uko iri teka ritangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda ntibishobora kongera kwakwaho amahoro cyangwa andi mafaranga y'ubwoko bumwe n'urwego rw'ibanze urwo ari rwo rwose.	Activities on which the administration of a decentralized entity collected fees or any other charges before the publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda shall not be charged any other fees or other monies of the same kind by any other decentralized entity.	Les activités pour lesquelles l'organe de gestion d'une entité décentralisée a perçu des taxes et autres redevances avant la publication du présent arrêté dans le Journal Officiel de la République du Rwanda ne peuvent pas faire l'objet d'autres taxes ou autres redevances de même nature par une autre entité décentralisée.
<u>Ingingo ya 36:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka	<u>Article 36:</u> Authorities in charge of implementation of this Order	<u>Article 36:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté.
Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Minisitiri w'Umutungo Kamere basabwe kubahiriza iri teka.	The Prime Minister, the Minister of Finance and Economic Planning, the Minister of Local Government and the Minister of Natural Resources are entrusted with the	Le Premier Ministre, le Ministre des Finances et de la Planification Economique, le Ministre de l'Administration Locale et le Ministre des Ressources Naturelles sont chargés de

Official Gazette n° Special of 27/07/2012

implementation of this Order.

l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 37: Repealing provision

Article 37: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 38: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 38: Commencement

Article 38: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera tariki ya mbere 01/01/2012.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It shall take effect as of 01/01/2012.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda Elle sort ses effets à partir du 01/01/2012.

Kigali, kuwa **09/07/2012**

Kigali, on **09/07/2012**

Kigali, le **09/07/2012**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika y'u Rwanda:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux